## IJAMBO RYA PEREZIDA WA IBUKA KU MUNSI WO KWIBUKA JENOSIDE KU NSHURO YA CUMI N'IMWE, KIZIGURO KUWA 07/04/2005

**Nyakubahwa Perezida wa Repubulika na Madamu,**
**Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe na Madamu,**
**Nyakubahwa Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga na Bwana,**
**Nyakubahwa Umukuru w'Ingabo n'Abamwungirije ,**
**Ba Nyakubahwa ba Minisitiri na ba Sekereteri ba Leta,**
**Ba Nyakubahwa ba Senateri namwe ba Depite,**
**Ba Nyakubahwa Muhagarariye Ibihugu n'Imiryango Mpuzamahanga mu Rwanda,**
**Nyakubahwa Perefe w'Intara y'Umutara,**
**Banyacyubahiro mwese muteraniye aha,**
**Baturage ba Murambi namwe mwese mwaturutse hirya no hino mu Rwanda,**

**Mu izina ry'abacitse kw'icumu rya jenoside muri rusange,**

**By'umwihariko mw'izina ry'abarokotse bo mu cyahoze ari Komini Murambi,**

Mbanje kubashimira umutima muntu n'umuco musanganywe wo gutabara no gukomeza abari mu kaga karenze ukwemera nk'ako abarokotse jenoside barimo. Barishwe banga gupfa, batotejwe by'indengakamere, babonye ababo bahambwa babona, batwikwa ari bazima, bagaburirwa imbwa, babagwa bumva, bakotswa bakaribwa nk'amatungo.

Impinja zarasekuwe , izindi zikarangwa mu mavuta zibona ngo maze umunopfu wazo ukaryohera cyane izo nyamaswa twajyaga twibwira ngo ni abantu. Bacaga imitwe bakayikina umupira, bakavanamo ubwonko ngo barebe ubwo bwenge bw'inyenzi. Bicaga abo babyaye, abo babyaranye, abuzukuru n'abishywa, bahiganwa gukora ibibi byose inyoko muntu itigeze ; ababyeyi, abari, abangavu ndetse n'impinja b'igitsinagore bakorewe agashinyaguro gasumba, ubwo bari baragizwe ibikinisho by'izo nyamaswa zirirwaga zibasambanya umusubizo ngo harakabaho jenoside itumye bamenya uko umututsikazi amera.
Hose habaye ubugome bukabije, ariko hano i Murambi nkuko mwabyunvise hari akarusho kuva muri 1990, ubwo igihararumbo Gatete cyari cyaratangiye gahunda ya jenoside abandi bakitegura. Twizere ko ubutabera mpuzamahanga ruzamukatira igihano cy'intangarugero, nubwo nta gihano wabona gikwiranye n'ibyaha bye.

Nyuma y'imyaka cumi n'umwe Imana ihaye Inkotanyi ubushobozi bwo gukiza u Rwanda, no kutwunamuraho abicanyi, maze u Rwanda rukunamuka rukava ibuzimu, ni ngombwa ko dusubiza amaso inyuma kugirango inzira tugenze iduhe ingufu n'icyizere cyo guhangana n'inzira y'imbere ikiri ndende kandi izamuka. Ubutegetsi bw'inkoramaraso bwasimbuwe n'ubw'abanyarwanda bose bibonamo, bushyiraho ingamba zihamye zo gusana umuryango nyarwanda, guca umuco wo kudahana, kubahiriza uburenganzira bwa buri wese no kurengera abatishoboye, bufungura

inzira yo kurwanya ubukene no kugana mu iterambere.

Ubutegetsi bwicaga bwasimbuwe n'uburengera bose, bugahoza abarokotse ubwo bwicanyi, bubafasha gushyingura ababo, bushyira kwibuka no kurwanya jenoside mu mahame y'ingenzi igihugu kigenderaho, ndetse bwiyemeza gukora uko bushoboye ngo bugoboke abatishoboye basizwe iherreheru na jenoside.

Ubushake n'ubushobozi byagaragajwe n'abayoboye Igihugu, ari abanyapolitiki, ari abakuru b'Ingabo, ari n'abo mu zindi nzego zishamikiye kuri Leta cyangwa zigenga, biduha icyizere ko ibibazo bikiri ingutu tugiye kugarukaho nabyo buhoro buhoro bizabonerwa umuti.

Koko rero, hirya no hino abazi aho abacu bajugunywe baracyahahisha, benshi bafite ubwoba ko ubutabera bwaheraho bukabakurikirana. Ahamenyekanye hari imirambo hari aho  itarashyingurwa, hitwajwe ubushobozi bucye bw'uturere tumwe na tumwe,  tugeraho tugashinyagurira abatishoboye ngo nibirwaneho bashyingure ababo bazareba uko babafasha nibishoboka.  Ni ngombwa ko abayobozi bose biyumvisha ko gushyingura abazize jenoside ari inshingano yabo ya mbere, iza mbere y'izindi zose, ndetse amikoro abaye make bakumva ko indi mirimo yasubikwa tugasubiza agaciro abacu. Tutabikoze ntacyo twaba turi cyo, abacu bagiye aho bari bahora batugaya, nta n'amasengesho yabo yo kudusabira kuva mu bibazo turimo twaba tugikwiye, ahubwo twaba twikururira umuvumo utazashira.

Hirya no hino haracyari henshi aho  abicanyi cyangwa benewabo babahishira bubatse hejuru y'ibyobo byajugunywemo abacu , cyangwa bakahatera intoki.  Turasaba rwose ko abakoze ibyo bose bakurikiranwa ku byaha byo guhakana jenoside, guhisha ibimenyetso babangamira ubutabera, no gushinyagurira imirambo badasize abacitse ku icumu.

Hakwiye kandi no gukangurira abayobozi n'abaturage kwita no kubahiriza amarimbi ya jenoside n'inzibutso kuko hirya no hino zatangiye gusenyuka izindi zirengwa n'ibigunda, izindi ziragirwamo ihene cyangwa zigakinirwamo n'abana.

Ikigaragara kandi giteye impungenge, nuko ahenshi  kutita ku nzibutso no kudashyingura bidaterwa n'ubushobozi buke, ahubwo ari imikorere nkana y'abasabitswe n'ingengabitekerezo ya jenoside, barwanya kwibuka jenoside bafite umugambi wo gutegura indi. Ni ngombwa ko hafatwa ingamba zo kubahashya kimwe n'abandi bose bahakana, bapfobya jenoside, bashinyagurira mirambo y'abayiguyemo, bagashinyagurira n'abayirokotse.

Ba banyamahanga bigishije jenoside ubu kandi nibo bategura izo gahunda z'agashinyaguro, zo guhakana no gupfobya jenoside. Ejo hashize noneho bareruye ahitwa Woluwe St Pierre mu Bubiligi baha urubuga abahakanyi bajya gushinyagurira ku manywa y'ihangu urwibutso rwa jenoside, ndetse abategetsi b'iyo komini batangaza ko iyo gahunda

itangiye itazahagarara batageze ku ntego buri wese yiyunvisha

Nkuko tubizi twese, jenoside yahemberewe n'umuco wo kudahana icyaha cyo kwibasira, guhohotera no kwica abatutsi, izacibwa no guca uwo muco, no guhana by'intangarugero icyo cyaha. Kubera ko nta bundi buryo bwo kumenya ukuri, ngo abanyabyaha bakurikiranywe, twemeye kunywa umuti ukarishye cyane wo kwingingira abicanyi kuvugisha ukuri bakagabanyirizwa ibihano. Biragoye rero cyane kumara kwemera umuti ubishye kandi ukarishye, indwara ntikire nkuko tudafashe ingamba byamera : nkuko bagize ubumwe bukomeye mu gutegura no gukora jenoside, abo bicanyi ubu bafite ubumwe bukomeye mu guhisha ukuri, guhindura no gupfukirana ibimenyetso, gutoteza ndetse no kwica abacitse ku icumu n'abandi banyarwanda b'umutima biyemeza kuvugisha ukuri muri Gacaca. Ngaho mu kwezi gushize i Nyamata aho abicanyi bateye mu mudugudu bafite imihoro ifite amaso yo gutandukanya abahutu ikababakubita ibibatira, abatutsi igakubita mu kico ; ngaho i Ntenyo aho bagabye ibitero gatatu kose bitwaje imbunda zo kurimbura umudugudu utuyemo abacitse ku icumu ; ngaho ku Kibuye aho ejo bundi abicanyi bagambanye bagashyira aside mu nkono y'umupfakazi wabashinjaga, akana kamwe kagahita gapfa, uwo mupfakazi n'akandi kana bagasigara ari intere ; ngaho hirya no hino aheze umuco wo guca ururimi uvugisha ukuri wese n'ibindi bikorwa by'ubugome no guca intege abatangabuhamya.

Nagira ngo nsabe abacitse ku icumu n'abandi batangabuhamya kudacika intege no kutagwa mu mutego w'ibyihebe, bishaka ko dushya ubwoba tukareka kubishinja. N'ubundi ntibatwishe hari icyo twapfaga, ni hahandi uhishira umurozi akakumaraho abana, tuzakomeza duhangane nabo, Inkiko Gacaca zigere ku nshingano zazo. Ibyo ariko bizashoboka, natwe tuzagira izo ngufu, ari uko abakora biriya byaha bakomeza gukurikiranwa, abamenyekanye nk'uko twakomeje kubyizezwa bagahanishwa igihano cyo kwicirwa ku mugaragaro aho bakoreye icyaha, bityo n'abandi babitekerezaga bakabicikaho burundu.

Ikindi kimaze kugaragara ni uko ibyo bikorwa ababiri ku isonga ari abayobozi ubwabo bagize uruhare muri jenoside, ndetse na za ngirwa nyangamugayo tutahwemye kugaragaza, bakoresha bya bihararumbo ngo byireze ngo maze bikemera icyaha bikarekurwa, ubu bikaba ari byo bicura imiborogo hirya no hino mu gihugu.

Tuzagira ingufu zo gukora ibishoboka byose ngo Gacaca zigere ku nshingano zazo, tuzahangana n'abo bicanyi niba amategeko akurikijwe, abireze babeshya, abarekuwe binyuranyije n'amategeko basubijwe muri gereza, naho abarekuwe bijyanye n'amategeko bakagenzurwa hakurikijwe amabwiriza agenga irekurwa ry'agateganyo. Inkiko Gacaca ntizizigera zigera ku nshingano zazo, abayobozi n'inyangamugayo bagaragaweho ibyaha bikomeye badahagaritswe ngo bakurikiranwe bidatinze ; naho abakekwa ku buryo bufite ireme ariko batarahamwa n'icyaha hakwiye gufatwa ingamba zo kubakangurira kuba beguye mu gihe bakurikiranwa, kuko byumvikana ko nta bupfura bwo kwiyeguza ubwabo bazagira.

Ntitwakwibagirwa kandi ko ubutabera bwubatse ku nkingi eshatu ari zo : kugaragaza ukuri -guhana-guha indishyi abakorewe icyaha. Iyo nyubakwa ntishobora gukomera, ndetse iragwa mu gihe imwe muri izo nkingi ijegajega cyangwa idahari na busa nkuko bimeze ku kibazo cy'indishyi. N'ubwo tudahwema gushimira ubwitange bwa Leta mu gusibiza abacu agaciro, no kugerageza kugoboka abo jenoside yasize iheruheru, ndetse n'impanvu zerekeranye n'ubushobozi bwa Leta y'u Rwanda zikaba zumvikana, ntitwakwibagirwa ko nta butabera butagira indishyi, kandi ko hari abandi banyabyaha ari bo bantu ku giti cyabo, imiryango ndetse n'ibihugu bagomba kuziryozwa kugira ngo ubutabera bwuzure, ndetse bube inkingi yo kubaka ubumwe bw'abanyarwanda. Biratangaje kandi binyuranye cyane n'amahame y'ubutabera, kubona abicanyi badamaraye mu byabo, infubyi n'abapfakazi biciye bakabasenyera barara rwantambi batagira kivurira.

Naho ya mitwe y'inkoramaraso yamaze gutsindwa no kubura iyo ikwirwa ikiyemeza guhagarika imirwano, twasabaga Leta kuba maso kuko nubwo noneho bavuga ko bamagana jenoside, ntacyo barakora ngo bashyikirize ubutabera abayobozi babo n'ingabo bayogoje igihugu ; byongeyeye kandi, ntawagira igikangisho ko yunamuye icumu nk'aho ari ubundi bumanzi arata, uwumva ko inzira y'ubwicanyi ntaho izamugeza naze yegera Gacaca avuge ibyo azi, abazwe ibyo yakoze kuko ubutabera ari ubwa twese. Ibyo kandi ntibireba abashyira hasi intwaro ubu gusa, bireba n'abandi bose babaye mu ngabo z'abicanyi, kugeza igihe bitandukanyirije nazo icyo ari cyo cyose.

Turasaba kandi abo dusigaye twumva bahumuriza abicanyi ngo kubera ubwinshi bwabo ntibazahanwa, cyangwa ngo ibindi baba barakoreye igihugu byakwibagiza uburyo bagisenye, noneho bazatubwire uburyo twebwe bazaduhumuriza, kuko izo mvugo ni nko kubabwira ngo nibahumure ntibazahanwa, ahubwo ndetse nibongera gukora jenoside bazibuke guhaguruka ari benshi bityo boye kuzahanwa.

Ntitwavuga ubutabera no kwibuka jenoside, ngo twibagirwe ko abo yasize iheruheru muri bo hari abatarabona aho bikinga imvura, hari benshi bagifite indwara zikomeye cyane, ari iz'umubiri, ari iz'umutima, bityo bakaba nta nicyo bashobora gukora cyabateza imbere. Abana benshi baribana, impinja zirera izindi, nta bushobozi bwo kubashyira mu ishuri, abarangije ni abashomeri batangiye kwiheba.

Turongera gushimira cyane abagiraneza bose bagerageza kugabanya ibyo bibazo, cyane cyane Leta ihora ikora uko ishoboye mu mikoro yayo tuzi, ikaba ndetse yaremeye kwigomwa igice cya bije yayo gihariwe biriya bibazo.

Turasaba ko impungenge zikomeje kugaragazwa ku mihindukire y'imikorere ya FARG zaganirwaho, hagafatwa ingamba zose kugira ngo gusubiza inyuma ubushobozi bw'icyo Kigega bugaragara muri izo mpungenge butazabaho.

Ndangije nongera gushimira mwese mwaje gusubiza abacu agaciro, no gutabara abavandimwe bacu bayogojwe n'ingabo z'inkoramaraso za GATETE ubu uburanira ARUSHA mu Rukiko Mpuzamahanga.

Ndagira ngo kandi nshimire cyane Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, Madamu we n'Abamufasha bose mu mirimo biyemeje yo kurwanya jenoside no guhangana n'ingaruka zayo, mbasaba kwita ku mpungenge twabagaragarije, mbizeza ko tuzashyiraho akacu, ko badafasha ibigwari cyangwa indashima.

Nongeye kubashimira mwese, nsaba ababuze abanyu mwese, abashyinguye uyu munsi n'indi minsi yose, gukomeza kwihangana no guharanira kubaho.

**Murakarama.**